REPUBLIKA Y'U RWANDA

**MINEDUC - NIC**

# UMURONGO WO KUNOZA IMIKORERE Y'ITORERO MU MASHURI Y'INCUKE, ABANZA N'AYISUMBUYE

KIGALI, WERURWE 2019

REPUBLIKA Y'U RWANDA

**MINEDUC - NIC**

# UMURONGO WO KUNOZA IMIKORERE Y'ITORERO MU MASHURI Y'INCUKE, ABANZA N'AYISUMBUYE

*KIGALI, WERURWE 2019*

# IBIRIMO

IJAMBO RY'IBANZE..... v

IRIBURIRO..... 1

AMATEKA Y'ITORERO MU MASHURI..... 3

ISHINGIRO RY'IBIKORWA BY'ITORERO MU MASHURI..... 9

1. *Itegeko-Nshinga*..... *9*
2. *Gahunda y'Igihugu yo Kwihutisha Iterambere 2017-2024 (NST1)*..... *9*
3. *Intego z'Icyerekezo 2050*..... *10*

INTEGO Z'ITORERO MU MASHURI..... 11

1. *Intego rusange*..... *11*
2. *Intego zihariye*..... *12*

UMUSARURO UTEGEREJWE KU ITORERO RYO MU MASHURI..... 14

IMITERERE Y'ITORERO MU MASHURI (Structure)..... 17

A. IBIZATOZWA..... 23
1. *Mu mashuri y'incuke (Ibirezi)*..... 23
2. *Mu mashuri abanza (Imbuto)*..... 24
3. *Mu mashuri yisumbuye (Indirira)*..... 26
B. ABATOZA..... 27
C. UBURYO BWO GUTOZA MU MASHURI..... 28
D. IGIHE CYO GUTOZA N'AHO GUTOREZA..... 30
E. UMUHANGO W'INTORE MU ZINDI..... 31
F. URUGERERO MU MASHURI..... 32
G. UMUGANURA..... 33
H. GUKURIKIRANA NO GUSUZUMA..... 33
I. IBIZASHINGIRWAHO MU GUSUZUMA UMUCO W'UBUTORE..... 35
UMUSOZO..... 38

# IJAMBO RY'IBANZE

Itorero ry'Igihugu ni umwimerere w'Abanyarwanda. Kuva kera ryari irerero ry'u Rwanda n'Abanyarwanda rikarera intore zirukwiye, ziharanira kururinda no kurwubaka. Kuva ryasenywa n'ubukoloni, u Rwanda rwabuze intore narwo rurasenyuka. Itorero ryongeye kugaruka mu cyerekezo cyo kwishakamo ibisubizo nk'Abanyarwanda, kugira ngo ribafashe kugera ku iterambere rirambye kandi ryihuse ry'Igihugu cyabo.

Nyakubahwa Perezida wa Repubulika KAGAME Paul, akaba n'Umutoza w'Ikirenga w'Itorero ry'u Rwanda asoza Itorero Isonga ry'Abanyamabanga Nshingwabikorwa ku wa 22/08/2011 yaravuze ati *'Umuntu ashobora kujya mu ishuri ryiza cyane akiga akarangiza, ariko agataha hari ibintu bya ngombwa batamwigishije. Umunyeshuri bamwigisha imibare, economics, history, litterature n'ibindi akaba n'umuhanga akabitsinda, ariko hari ibyo ataha atigishijwe.*

*Ni irihe shuri muzi ujyamo ukiga kutaba umujura? Ahubwo ushobora kuba umuhanga kabuhariwe ariko ukongera ukaba n'umujura kabuhariwe. Impamvu ni uko ntaho kwiba babikubuza, ahubwo the best school na yo itarangiza byose ni Itorero. Nta shuri nzi ryaruta Itorero.'*

Uyu munsi Itorero ry'Igihugu ritegerejweho kuzuza inshingano ikomeye yo kuboneza imyumvire, imyitwarire n'imikorere y'abana b'u Rwanda aho umuco wo kwimakaza indangagaciro na kirazira uzaba inkingi ya mwamba muri gahunda zose zigamije iterambere ry'Igihugu.

Itorero mu mashuri y'incuke, abanza, n'ayisumbuye rikwiye gukora mu buryo bunoze kurusha uko byari bimeze. Ni urugerero rukomeza injishi z'Umunyarwanda ushoboye, rukanakomeza umusingi w'iterambere ry'u Rwanda twifuza. Kubera izo mpamvu ndasaba Abanyarwanda bose muri rusange, by'umwihariko abafite

uburezi mu nshingano zabo, gushyigikira Itorero mu mashuri bakaryubakira ubushobozi kandi bagakurikirana imikorere yaryo umunsi ku wundi kugira ngo rigire uruhare rugaragara mu rugamba twatangiye rwo kuzamura ireme ry'uburezi.

**Dr MUTIMURA Eugène**

***Minisitiri w'Uburezi***

# IRIBURIRO

Kwitangira u Rwanda ni indangagaciro dukomora ku bakurambere bacu. Bayitorezwaga mu muryango, mu Itorero, aho batuye no ku Rugerero, bikabafasha kugira imitekerereze n'imigirire ihamye mu mibereho n'imibanire yabo.

Ubukoloni bwaciye Itorero bubona kwimakaza amatwara yabwo; indangagaciro zirakendera. Guca indangagaciro byakurikiwe no kubiba urwango n' ivangura bigera kuri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994. Nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi, hakozwe byinshi mu kugarura indangagaciro z'umuco nyarwanda, ubumwe bw'Abanyarwanda bwongera kugira ireme.

Muri iki gihe, gukoresha umuyoboro w'uburezi (amashuri) himakazwa indangagaciro z'umuco nyarwanda bizatuma abakiri bato bakurana umuco wo kwigira, kwishakamo ibisubizo, kubana neza no kwitangira Igihugu batizigama.

Gutoza abari mu mashuri bizakomeza kunganira gahunda za Leta zisanzweho zubaka ubumwe, gukunda u Rwanda no kunoza umurimo bigeza Abanyarwanda ku kwigira no kwihesha agaciro. Kugira ngo intego z'Itorero mu mashuri zigerweho hakenewe uruhare rwa buri wese kuko nta Munyarwanda n'umwe udasoroma ku mbuto z'uburere butangirwa mu mashuri.

Ndarikiye, nshimira Abanyarwanda gukomeza gutoza abakiri bato kumenya u Rwanda, kurukunda no kururwanira ishyaka bakanatozwa kurinda ibyagezweho no kwitangira kurwubaka batizigama.

**BAMPORIKI Edouard**

***Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Itorero***

# AMATEKA Y'ITORERO MU MASHURI

Itorero ryahozeho mu Rwanda mbere y'umwaduko w'abakoloni ari "**Irerero"** Abanyarwanda batorezwagamo kumenya umuco n'uburere by'Igihugu, gukunda umurimo, gukunda u Rwanda no kururwanira ishyaka, n'ibindi byose byabatozaga umuco wo kwigira no kwihesha agaciro bishingiye ku kumenya amateka basangiye n'indangagaciro na kirazira by'umuco nyarwanda.

Nyakubahwa Perezida wa Repubulika KAGAME Paul arigarura ku wa 16 Ugushyingo 2007 yabwiye Abanyarwanda ati: "***Twaje gutangiza gahunda y'Itorero ry'Igihugu nk'uburyo twihariye kandi bukomoka ku muco nyarwanda***". Yakomeje agira ati: ***"Itorero ry'Igihugu ryari ishuri ryo gutoza no kwigisha Abanyarwanda gukunda Igihugu, kukiyobora neza, guharanira ubutwari, kwanga ubuhemu, gufatanya gukemura ibibazo, no kwirinda ubutsimbanyi, n'ibindi..."*** Akomeza agira ati: ***„buri wese abe Intore mu byo akora;***

***igihe ari umurezi urera abana be cyangwa ab'abandi akabarera gitore".***

Nyuma yo kugarura Itorero mu Rwanda (mu mwaka wa 2007), mu mashuri hamaze gukorwa ibi bikurikira:

A. Ku bufatanye bwa Komisiyo y'Igihugu y'Itorero na Minisiteri y'Uburezi hatojwe intore mu byiciro bitandukanye by'Abarimu n'Abanyeshuri bikurikira:

1. **Inkomezabigwi** (Abanyeshuri barangiza amashuri yisumbuye bakajya ku rugerero) buri mwaka, icyivugo cyabo ni**: "Ndi Inkomezabigwi mu Nkomezamihigo, ndi intore yo ku rugerero rw'umurage wa gihanga , ndi umurinzi w'ibyagezweho, nkaba ku isonga mu kubaka u Rwanda rushya n'iterambere rya Afurika".**

2. **Indemyabigwi** (Abarezi bose bo mu mashuri y'incuke, abanza, n'ayisumbuye), muri 2017 icyivugo cyabo ni: "**Ndi Indemyabigwi mu Nkomezamihigo, ndi umurezi w'Intagamburuzwa, ndi umutoza w'umurage wa Gihanga, ndi umurezi ubereye u Rwanda, nkaba ku isonga mu kubaka u Rwanda rushya n'iterambere rya Afurika".**

3. **Intagamburuzwa** (Abanyeshuri bose bo mu mashuri Makuru na Kaminuza), icyivugo cyabo ni: "**Ndi Intagamburuzwa mu Nkomezamihigo, ndi Umurinzi w'ibyagezweho, ndi Indashyikirwa mu bumenyi , ndi Nkoreneza bandebereho, nkaba ku isonga mu kubaka u Rwanda rushya n'iterambere rya Afrika".**

4. **Indangamirwa** (Abanyeshuri biga mu mahanga, n'Indashyikirwa ziga mu Rwanda) buri mwaka icyivugo cyabo ni: "**Ndi Indangamirwa mu**

**Nkomezamihigo , Ndi Umuranga w'u Rwanda, nkaba kwisonga mu kurushakira imbuto n'amaboko".**

5. **Inkerabigwi** (Abarezi bo mu mashuri Makuru na Kaminuza) muri 2015, icyivugo cyabo ni: "**Ndi Inkerabigwi, Ndi umutoza w'Intagamburuzwa, Ndi Umurezi ubereye u Rwanda, nkaba ku isonga mu kubaka u Rwanda rushya"**

B. Hasohotse amabwiriza y'imikorere y'Itorero mu mashuri mu bihe bitandukanye:

1. Inyandiko itanga amabwiriza n° 01/2013 yo kuwa 12/11/2013 agena Imikorere y'Intore n'Uruhare rwazo muri gahunda yo guhindura imyumvire no kwihutisha iterambere. Muri ayo mabwiriza, harimo igice cyerekeye imiterere n'imikorere y'inzego z'Itorero mu mashuri.

2. Inyandiko ya Minisitiri w'Uburezi yo ku wa 10 Mutarama 2017.

3. Ibaruwa N° 0137/12.00/2018 yo ku wa 18 Mutarama 2018 Minisitiri w'Uburezi yandikiye Abayobozi b'Uturere abasaba gutegura igitaramo cy'Imihigo no kwakira abanyeshuri bashya mu Mashuri Abanza n'Ayisumbuye.

4. Ibaruwa N° 2576/12.00/2018 yo ku wa 29 Ukwakira 2018 Umunyamabanga wa Leta ushinzwe Amashuri Abanza n'Ayisumbuye muri MINEDUC yandikiye Abayobozi b'Uturere abasaba gutegura igitaramo cy'imihigo no gutanga raporo ku bikorwa by'Itorero mu mashuri abanza, ayisumbuye n'ay'imyuga.

C. Hatangijwe Itorero mu mashuri

1. Ku rwego rw'Igihugu, umuhango wo gutangiza ku mugaragaro Itorero mu mashuri Abanza, Ayisumbuye, n' ay' Imyuga wateguwe na Minisiteri y'Uburezi ifatanyije na Komisiyo

y' Igihugu y'Itorero (NIC), uturere n'izindi nzego ku itariki ya 20 Gashyantare 2014. Icyo gikorwa cyabereye mu Kigo cy'ishuri cya SOS NYAMIRAMA mu Karere ka Kayonza, kiyoborwa n'Umunyamabanga wa Leta ushinzwe Amashuri Abanza n'Ayisumbuye.

2. Hatangijwe Itorero mu mashuri makuru na za Kaminuza ku wa 4 Werurwe 2014 muri Campus ya Huye muri Kaminuza y'u Rwanda bikorwa n'Umunyamabanga uhoraho muri Minisiteri y'Uburezi.

3. Hatangijwe gahunda y'Urugerero mu mashuri mu mwaka wa 2013. Urugerero rw'abarangije amashuri yisumbuye, ay'imyuga n'ubumenyingiro rwatangijwe ku mugaragaro na Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe mu Murenge wa Kigabiro, mu Karere ka Rwamagana.

# ISHINGIRO RY'IBIKORWA BY'ITORERO MU MASHURI.

## 1. Itegeko-nshinga

Mu irangashingiro ry'Itegeko Nshinga ryo muri 2003 ryavuguruwe mu mwaka wa 2015 ku rupapuro rwa 27, igika cya mbere, havuga ko: «*Twiyemeje kubumbatira indagagaciro zacu zishingiye ku muryango, ku bupfura, ku gukunda Igihugu no guharanira ko inzego zose z'Ubutegetsi bwa Leta zikora mu nyungu z'Abanyarwanda twese*».

## 2. Gahunda y'Igihugu yo Kwihutisha Iterambere 2017-2024 (NST1)

Ku bijyanye n'uburezi, ingingo ya 79 dusanga muri NST1 ishimangira cyane cyane ***kwimakaza ururimi rw'Ikinyarwanda n'indangagaciro nyarwanda z'ubupfura/ ubudahemuka, gukorera mu mucyo, kurwanya akarengane no kutihanganira ruswa mu Banyarwanda, mu miryango, mu nteganyanyigisho z'amashuri no mu***

***rubyiruko. Ibi bizagerwaho ari uko Itorero rikora neza mu mashuri yose.***

## 3. Intego z'Icyerekezo 2050

Icyerekezo 2050 kigamije kuvana u Rwanda mu rwego rw'ibihugu bifite ubukungu bucirirtse rukagera mu bifite ubukungu buhanitse. Indangagaciro iterambere ry'ubukungu n'imibereho ryubakiyeho ni ukwigira no kwihitiramo ibitugenga, kwihesha agaciro, ubumwe n'ubunyarwanda, ubupfura/ubudahemuka, uburinganire n'ubwuzuzanye, gukorera mu mucyo n'ubwisanzure, kugira uruhare mu bikorwa rusange by' umuryango mugari, imiyoborere myiza no kwitegura kubazwa ibyo ushinzwe, guhanga ibishya no guharanira ituze ry'Igihugu.

Kwita ku Itorero mu mashuri y'inshuke, abanza n'ayisumbuye ni imwe mu nkingi zikomeye zizatuma intego za Gahunda y'Igihugu y'imyaka irindwi (7) yo kwihutisha iterambere (NST1) 2017-2024 n'Icyerekezo cy'Igihugu cya 2050 zigerwaho neza kandi vuba.

# INTEGO Z'ITORERO MU MASHURI

## 1. Intego rusange

Intego rusange y'Itorero mu mashuri iteganywa muri gahunda yo kwihutisha iterambere 2017-2024 NST1 mu ngingo ya 79 yavuzwe ku ipaji ya 7.

Ingingo ya 106 ya NST1 ishyira ingufu nyinshi ku kwimakaza umuco wo kwigira, gukorera hamwe, ubupfura/ ubudahemuka, ubwisungane no gukunda Igihugu mu Banyarwanda no kwishakamo ibisubizo biberanye n'ibibazo bibangamira Abanyarwanda b'ingeri zose; Kongerera ingufu n'ubushobozi gahunda y'Igihugu y'Ubwitange (Urugerero) ibarizwa mu Itorero ry'Igihugu hagamijwe guhindura urubyiruko abaturage bahora bashishikajwe no kwigira no kuba intiganda.

## 2. Intego zihariye

1. Kugira abanyeshuri barangwa n'indangagaciro na kirazira z'Umuco nyarwanda;
2. Kugira abanyeshuri bafite imyumvire y'indangagaciro na kirazira basangiye mu mibanire yabo, gukunda Igihugu no kugiteza imbere;
3. Kumenya no gusobanukirwa imigambi y'Igihugu n'uburyo bwo kuyigeraho;
4. Kwigirira icyizere cyo kwikemurira ibibazo no kwihesha agaciro;
5. Kuba Intore zibereye Igihugu zigaragara mu byiciro byose kandi zikaba umusemburo w'impinduka nziza;
6. Kugira umuco w'ubwitange mu gukorera Igihugu;
7. Kugira umuco w'ishyaka n'ishema ryo guhiga no kuvuga ibigwi, kugira ishyaka

ryo kuba indashyikirwa, bagatora ishyaka ry'u Rwanda;

8. Gufasha abanyeshuri kwiyubakamo umuco wo kumenya gusesengura ibibazo bibugarije no kubishakira ibisubizo;

9. Guhuza ibikorwa by'Itorero n'ubuzima bwa buri munsi mu bigo by'amashuri hagamijwe kuzamura ireme ry'uburezi;

10. Gutuma Indemyabigwi ku rugerero rwo gutoza no gutegura abanyeshuri kuzaba Inkomezabigwi.

## UMUSARURO UTEGEREJWE KU ITORERO RYO MU MASHURI

Itorero ryo mu mashuri ni urubuga buri wese uba mu kigo cy'ishuri atorezwamo kuba Umunyarwanda ukunda Igihugu, ukunda umurimo, ufite indangagaciro na kirazira by'umuco nyarwanda, kandi ufite umuco w'Ubutore, *ugaragarira mu mahame y'intore amuranga n'uko yimakaza indangagaciro z'umuco nyarwanda mu mikorere ye ya buri munsi.*

Itorero ryo mu mashuri ritoza ababa mu kigo kumenya no gusobanukirwa imigambi y'Igihugu n'uburyo bwo kuyigeraho; kwigirira icyizere cyo kwikemurira ibibazo no kwihesha agaciro; kuba Intore zibereye Igihugu zigaragara mu byiciro byose kandi zikaba umusemburo w'impinduka nziza; kugira umuco w'ubwitange mu gukorera Igihugu; kugira ishyaka n'ishema byo guhiga, kwivuga ibigwi no kuba indashyikirwa.

Itorero ryo mu mashuri rikora neza ku Rugerero rwo kuba indashyikirwa mu bumenyi , mu ikoranabuhanga n'umuco w'ubutore mu burezi rizatuma umuco wo kwigira no kwihesha agaciro byubakiye ku murage w'u Rwanda wimakaza ururimi rw'Ikinyarwanda n'indangagaciro nyarwanda z'ubupfura/ubudahemuka, gukorera mu mucyo, kurwanya akarengane no kutihanganira ruswa uranga intore z'u Rwanda mu ngamba zose, no mu masibo y'intore; bityo gahunda y'Igihugu y'imyaka irindwi yo kwihutisha iterambere (NST1) 2017-2024 n'Icyerekezo cy'Igihugu cya 2050 bigerweho vuba kubera ko abanyeshuri n'abarezi bazaba barangwa no:

1. Kugira abanyeshuri bahuje uburere n'ubumenyi bishingiye ku myumvire y' indangagaciro z'umuco nyarwanda basangiye.

2. Kugira abanyeshuri basobanukiwe imigambi y'iIterambere ry'Igihugu

3. Kugira abanyeshuri basobanukiwe neza uruhare rwabo mu gushyira mu bikorwa imigambi y'Igihugu.

4. Kugira abanyeshuri barangwa n'ishyaka ryo kwiga, baharanira kuba indashyikirwa mu bumenyi, kwiteza imbere, no kuba urubyiruko rubereye u Rwanda.

## IMITERERE Y'ITORERO MU MASHURI (Structure)

Abanyeshuri bo mu mashuri y'Incuke, Abanza n'Ayisumbuye bari mu ngamba **z'Ibirezi, Imbuto, n'Indirira**.

a) Ibirezi ni abafite hagati y'imyaka 0-5 biganje mu mashuri y'incuke;

b) Imbuto ni abafite hagati y'imyaka 6-12 biganje mu mashuri abanza;

c) Indirira ni abafite hagati y'imyaka 13-18 biganje mu mashuri yisumbuye.

Izi ngamba z'Intore zitorezwa mu bigo by'amashuri aho:

a) Ikigo cy'ishuri ari "Itorero";

b) Umukuru w'ikigo cy'ishuri akaba ari we "Mukuru w'Itorero" muri icyo kigo cy'ishuri;

c) Abarimu/abarezi ari bo batoza;

d) Abanyeshuri bakaba intore;

e) Abanyeshuri bari mu cyumba cy'ishuri kimwe bagize "Isibo y'intore".

Ukurikije ibikubiye mu gatabo gasobanura "Imikorere y'Itorero mu Mashuri" no mu nyandiko ya Minisitiri w'Uburezi yo ku wa 10 Mutarama 2017, ubuyobozi bw'Itorero mu kigo cy'ishuri buri mu nzego 3:

a) **Inteko y'intore** (icyicaro gihuriwemo n'abatoza n'abatozwa bose b'ikigo cy'ishuri).

Inshingano zayo ni izi zikurikira:

1. Kwemeza imihigo y'intore;
2. Kwemeza raporo y'umuco w'ubutore mu kigo cy'ishuri .

b) **Komite Mpuzabikorwa y'Itorero** (komite yatorewe kuyobora ibikorwa by'Itorero mu kigo cy'is-

huri).
Inshingano zayo ni izi zikurikira:

1. Gutoza no kwimakaza umuco w'ubutore;

2. Kwiyambaza abatoza bo mu zindi nzego;

3. Gushyira gahunda z'Itorero muri gahunda z'ikigo cy'ishuri;

4. Gukurikirana uko gutoza bikorwa n'uko umuco w'ubutore ugenda wiyubaka mu kigo cy'ishuri;

5. Gutegura umuganura w'ikigo mu gitaramo cy'ibigwi n'imihigo by'intore;

6. Kwemeza intore z'indashyikirwa mu barimu no mu banyeshuri no kuzishimira.

## c) Komite y'Abarinzi b'indangagaciro

(abatorewe iyo nshingano ku kigo cy'ishuri).

Inshingano zayo ni izi zikurikira:

1. Gukurikirana uko kwimakaza indangagaciro n'umuco w'ubutore bikorwa;
2. Gushima icyiza no kugaya ikibi mu nteko y'intore;
3. Kugenzura niba indangagaciro biyemeje zikurikizwa;
4. Kugorora intore zateshutse ku butore;
5. Kwemeza ishuri (classe) ry'indashyikirwa mu kwimakaza umuco w'ubutore;
6. Gukora icyegeranyo cy'intore z'indashyikirwa n'ibigwi byazo no kuzishyira ahabugenewe.

**Icyitonderwa:**

Izi nshingano zubakiye ku ziri mu gatabo: "**AMABWIRIZA YA PEREZIDA WA NIC N°1/2013 YO KU WA 12/11/2013 AGENGA IMIKORERE Y'INTORE N'URUHARE RWAZO MURI GAHUNDA YO GUHINDURA IMYUMVIRE NO KWIHUTISHA ITERAMBERE**".

Inzego z'ubuyobozi bw'Itorero mu kigo cy'ishuri zizahuzwa n'inzego zisanzwe mu kigo. Inzego zitazabasha guhuzwa zizatorerwa abayobozi bihariye. Urugero: umunyeshuri w'umuhungu n'uw'umukobwa bahagarariye abandi mu kigo (Doyen & Doyenne) ni bo bayobora Inteko y'intore, abanyeshuri bahagarariye abandi mu ishuri (Class Representative/Chef & Cheftaine) bazafatanya kuyobora "Isibo y'intore" .

Ibi bizakomeza bikorwe no mu batoza aho uhagarariye abarezi mu kigo ari na we uzaba umuyobozi wa Komite y'Abarinzi b'indangagaciro naho umurezi ushinzwe gukurikirana ishuri (Class Teacher/Titulaire

de classe) akaba umutoza mukuru w'isibo iryo shuri ririmo.

Aho ikigo cy'ishuri kigizwe n'ibyiciro bitandukanye (icyiciro cy'amashuri y'incuke, icy'abanza, n'icy'ayisumbuye), buri cyiciro kizaba kigize Itorero ryihariye kuko ibyo batozwa n'uburyo batozwa bitandukanye hashingiwe ku kigero cy'imyaka bagezemo. Icyo gihe Umuyobozi w'ishuri akomeza kuba Umukuru w'Itorero, naho umurezi ushinzwe icyiciro cy'amashuri abanza akaba ari we umwungiriza yita ku itorero ry'icyo cyiciro; n'ubishinzwe mu mu cyiciro cy'ishuri ry'incuke na we akaba umwungiriza.

## A. IBIZATOZWA

### 1. Mu mashuri y'incuke (Ibirezi)

Gutoza abanyeshuri kugira uburere n'ubumenyi bitangira kare.

Ibirezi bizatozwa ibi bikurikira:

a) Urukundo;

b) Isuku;

c) Kumenya kubaha no kubana n'abandi neza n'ibimukikije;

d) Ikinyabupfura;

e) Kumenya amasano;

f) Gukunda Igihugu (binyuze mu turirimbo, ibihozo n'ibindi);

g) Kumutoza ururimi rw'Ikinyarwanda n'umuco w'u Rwanda;

h) Kumuha urubuga rwo kuvumbura n'ibindi....

## 2. Mu mashuri abanza (Imbuto)

Imbuto zizatozwa ibi bikurikira:

a) Umuco nyarwanda;

b) Gugira isuku;

c) Gukunda umurimo;

d) Kwitangira abandi;

e) Gukunda Igihugu;

f) Indangagaciro;

g) Kwigishwa ibijyanye n'ubuzima bw'imyororokere;

h) Kuvumbura no kugaragaza impano;

i) Kubana neza n'ibyiciro byose yaba urungano cyangwa abamuruta;

j) Guha agaciro ibintu n'abantu;

k) Kwiharika no kuzigama.

Bimwe mu bikorwa bakora mu gutozwa harimo ibi bikurikira:

a) Gusesengura no kumva neza ubutumwa buri mu izina n'icyivugo cy'itorero n'isibo abarizwamo;

b) Intambwe y'Intore no gukora akarasisi bijyanye n'ikigero cyabo (bishobora gukorwa bahuriye hamwe mu gitondo cyangwa mbere y'uko binjira mu ishuri bavuye mu karuhuko);

c) Gutarama baririmba banabyina indirimbo z'intore n'izindi zijyanye n'umuco nyarwanda;

d) Gutanga ibitekerezo mu bandi hibandwa ku ngingo zitandukanye zijyanye n'ibyo umutoza yateguye kubatoza;

e) Gukora imyitozo ngororamubiri ijyanye n'ikigero cyabo.

## 3. Mu mashuri yisumbuye (Indirira)

Indirira zizatozwa:

a) Gukomereza ku byo batojwe bakiri mu ngamba y'Imbuto;

b) Indangagaciro z'Umuco nyarwanda;

c) Gutozwa umurimo;

d) Kubaka no gukomeza ibyagezweho;

e) Umuco wo guhanga ibishya;

f) Gutozwa kumenya u Rwanda;

g) Gutozwa isuku;

h) Imibanire y'Abanyarwanda .

NB: Umunyeshuri azatorezwa mu ngamba y'icyiciro cy'amashuri yigamo nubwo imyaka ye y'ubukure yaba imushyira mu yindi ngamba.

## B. ABATOZA

Nk'uko byasobanuwe mbere, buri mwarimu ushinzwe ishuri ni umutoza waryo, akaba yakwiyambaza abandi igihe bibaye ngombwa. Mu rwego rwo kubaka ubushobozi bw'abatoza b'Itorero ryo mu mashuri y'incuke, abanza n'ayisumbuye, ibigo by'amashuri bizafatanya n'Akarere bihereyemo gutegura itorero ry'abatoza nibura rimwe mu mwaka. Ku kigo gifite abarimu benshi, hari ubwo usanga ishuri rimwe ryigishwa n'abarimu batandukanye.

Icyo gihe "class teacher" yaba umutoza mukuru, abandi bakaba abatoza hashingiwe ku bigomba gutozwa nibyo bashoboye. Umurezi umwe ahobora kuba n'umutoza mu masibo atandukanye. Abatoza bashobora kubarizwa mu ngamba y'Indahangarwa, iy'Ingobokarugamba, n'iy'Inararibonye.

## C. UBURYO BWO GUTOZA MU MASHURI

Gutoza mu mashuri bikorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda. Umutoza mu ishuri yifashisha ibiganiro, imikino, amajwi n'amashusho, ubuhanzi butandukanye butoza umuco w'ubutore (indirimbo, ibisigo, ikinamico, ubugeni...), imikorongiro, akarasisi, Intambwe y'Intore y'Ingabo nziza n'iya Mutimawurugo.

Mu gutoza mu ishuri kandi abatoza bashobora kwifashisha ibiganiro-mpaka (debates) ariko bakubahiriza ihame ry'umwimerere nyarwanda.

Bimwe mu bikorwa bakora mu gutozwa harimo ibi bikurikira:

a) Gusesengura no kumva neza ubutumwa bukubiye mu izina n'icyivugo cy'itorero n'isibo babarizwamo;

b) Intambwe y'Intore no gukora akarasisi bijyanye n'ikigero cyabo (bishobora gukorwa bahuriye hamwe mu gitondo cyangwa mbere y'uko binjira mu ishuri bavuye mu karuhuko);

c) Gutarama hakurikijwe uburyo bw' imitaramire y'intore;

d) Kwitabira ibikorwa bitoza umuco w'ubutore bitegurwa n'ishuri kandi bakabigiramo uruhare batanga ibitekerezo bijyanye n'ingingo zitandukanye zateguwe n'ubuyobozi bw'ishuri;

e) Gutozwa umuco wo gukora imyitozo ngororamubiri no guhiganwa hakurikijwe ibipimo bya OMS bijyanye n'ikigero cyabo (PFT);

f) Gukorera ibikorwa bijyanye n'amasomo yabo ya buri ngamba babarizwamo bungurana ubumenyi kandi buri ngamba ihatanira kuba indashyikirwa muri byose;

g) Gutegura no kwizihiza igitaramo njyarugamba na mvarugamba bafatanyije n'Ubuyobozi bw'ishuri;

h) Kora ndebe.

## D. IGIHE CYO GUTOZA N'AHO GUTOREZA

Nyuma yo gusuzuma no gusesengura imiterere ya gahunda z'amashuri y'incuke, abanza n'ayisumbuye; gahunda z'Itorero mu mashuri zizajya zikorwa mu mwanya wari waragenewe siporo n'ibindi bikorwa.

1. Siporo ikorwa mu mashuri igomba gukorwa mu buryo bw'imitoreze y'imyitozo ngororamubiri no gusuzuma ubuzima buzira umuze, kwiyereka mu ntambwe y'intore n'imikino gakondo bitozwa mu Itorero ry'Igihugu.

2. Amasaha yagenewe ”extra curricula programs” yakorwagamo za ”clubs” zinyuranye agomba kugirwa umwanya w’Itorero mu mashuri; gahunda zo muri za ”clubs” zigatozwa binyuze mu biganiro, igitekerezoshusho, imikorongiro no gutarama no guhiga bigatozwa bose kandi bikinjizwa muri gahunda y’Itorero mu mashuri.

## E. UMUHANGO W’INTORE MU ZINDI

Buri mwaka mu itangira ry’amashuri, mu rwego rwo kubonera no kumenyereza abanyeshuri bashya hazajya hategurwa gahunda y’Intore mu zindi mu mashuri n’igitaramo njyarugamba bitoza abanyeshuri bo mu mashuri abanza n’ayisumbuye kumenyera umuco wo gukorera ku mihigo.

## F. URUGERERO MU MASHURI

Mu mashuri hatorezwa umuco w'ubwitange ku rugerero ruhuye n'ingamba zihatorezwa. Urwo rugerero rukaba rwarashyizwe mu mihigo yahizwe mu cyumweru cy'"Intore mu zindi". Uru rugerero rwibanda ku bikorwa bitoza intore gukorera hamwe, kubaka ubuvandimwe, guhanga ibishya no gushaka ibisubizo ku bibazo Igihugu gifite (human security issues), n'ibikorwa by'amaboko bibatoza kumenyera umurimo, ubumenyingiro no kuzagira icyo bimarira n'imiryango yabo. Ibyo bikorwa byakorerwa mu ishuri cyangwa hanze yaryo .

Indirirarugamba zo zizajya zijyanwa ku rugerero rw'Umudugudu zigahuzwa n'Indahangarwa ziruriho rimwe na rimwe aho bishoboka.... bikanatuma zimenyera ko nizirangiza amashuri yisumbuye zizajya ku rugerero rw'Inkomezabigwi. Amashuri yigisha ubumenyi bwihariye azajya afasha abaturage baturiye ishuri kubatoza no kubakemurira ibibazo ( ubuhinzi, ubukorikori, ubuvuzi, ubwubatsi...).

## G. UMUGANURA

Umuganura w'Intore mu mashuri ugira ibihembwe bingana n'ibihembwe by'umwaka w'amashuri aho buri mutoza aganuza ikigo intore z'indashyikirwa yatoje n'ibigwi byazo. Buri ntore iganuza urungano mu isibo yayo ku bikorwa by'indashyikirwa yagezeho. Umwaka w'Umuganura w'Intore utangirana n'umwaka w'amashuri ukarangira mu mpera yawo aho ubuyobozi bw'ikigo cy'ishuri buganuza Igihugu umusaruro wacyo mu bijyanye n'abana b'ababanga, umuco w'ubutore ubaranga, ibisubizo by'Igihugu bashatse, urugerero intore zagiyeho n'icyo rwatanze, ibishya byahanzwe, impano zihariye zagaragaye ....

## H. GUKURIKIRANA NO GUSUZUMA

Gukurikirana no gusuzuma imikorere y'Itorero mu Mashuri n'uko umuco w'Ubutore ugenda wiyubaka bizakorwa

n'abasanzwe bashinzwe ubugenzuzi bw'uburezi ku rwego rw'Igihugu. Abahuzabikorwa b'Itorero muri buri Karere hamwe n'abashinzwe uburezi ku rwego rw'Akarere n'urw'Umurenge bafatanyije na Komisiyo y'Igihugu y'Itorero. Kugira ngo ibi bishoboke, inyandiko z'igenzura zikoreshwa zizongerwamo igice cyo gusuzuma uko umuco w'ubutore uhagaze mu barezi no mu banyeshuri ba buri kigo cy'ishuri. Buri gihembwe na buri mwaka hazajya hakorwa imbonerahamwe igaragaza uko ibigo by'amashuri bihagaze mu Murenge no mu Karere. Bizakorwa hashingiwe ku murongo watanzwe na Minisiteri y'Uburezi ku wa 10 Mutarama 2017, ari na wo washingiweho hategurwa imihigo y'intore z'Indemyabigwi mu gihe zasozaga itorero ryazo. Uruhare rw'abarimu mu kunoza imikorere y'Itorero mu mashuri rugomba kuba kimwe mu bigize imihigo yabo ishingirwaho mu isuzuma rya buri mwaka.

## I. IBIZASHINGIRWAHO MU GUSUZUMA UMUCO W'UBUTORE

### Ibirezi (imyaka 0-5)

Kutarizwa n'ubusa, kugira isuku (kutiyanduza), kubika ibintu bye neza, kutaba indangare,

kugendera kuri gahunda, gufata neza ibintu bye, kumvira no kubaha, kwanga ikibi,..

### Imbuto (imyaka 6-12)

- Kugira isuku;
- kuvugisha ukuri;
- kubaha;
- Kutigana imico mibi;
- Gukora neza imikoro;
- Gukorera hamwe;
- Gukunda abandi;
- Kuba indashyikirwa;
- Kugira ishyaka mu byo akora.

## Indirira (imyaka 13-18)

- kwiyubaha no kubaha abandi;
- kumvira, kugira isuku;
- kubahiriza igihe;
- gukunda umurimo;
- Kugira amanota meza mu ishuri;
- Kuba afite ubuzima buzira umuze ;
- Gutsinda neza amasomo yiga;
- Kugira ishyaka mubyo akora.

Uyu murongo w'imikorere uje kunoza imikorere y'itorero ryo mu mashuri y'incuke, abanza n'ayisumbuye yubakiye ku nyandiko zikurikirra zoherejwe mu bigo by'amashuri:

1. Itorero ry'Umudugudu **"Imfashanyigisho y'umutoza w'Ingamba y'Intore", Ugushyingo 2018;**
2. Inyandiko itanga amabwiriza n° 01/2013 yo kuwa 12/11/2013 agena Imikorere y'Intore n'Uruhare rwazo muri gahunda yo guhindura

imyumvire no kwihutisha iterambere. Muri ayo mabwiriza, harimo igice cyerekeye imiterere n'imikorere y'inzego z'itorero mu mashuri;

3. Imikorere y'Itorero ry'Igihugu mu Mudugudu, mu Mashuri, no mu nzego z'Imirimo, Mata 2012;

4. Inyandiko ya Minisitiri w'Uburezi yo ku wa 10 Mutarama 2017;

5. Ibaruwa N° 2576 yo ku wa 29 Ukwakira 2018 Minisitiri w'Uburezi yandikiye Abayobozi b'Uturere abasaba gutegura Igitaramo cy'Ibigwi n'Imihigo no gutanga raporo ku bikorwa by'Itorero mu mashuri abanza, ayisumbuye n'ayimyuga;

6. Ibaruwa N° 0137 yo ku wa 18 Mutarama 2018 Minisitiri w'Uburezi yandikiye Abayobozi b'Uturere abasaba Igitaramo cy'Imihigo no kwakira abanyeshuri bashya mu mashuri abanza n'ayisumbuye;

# UMUSOZO

Itorero mu mashuri rimaze imyaka itanu ritangijwe. Kugira ngo rikomeze gukora neza birasaba ubufatanye bwa Komisiyo y'Igihugu y'Itorero, Minisiteri y'Uburezi n' ubw'inzego z'ibanze kuva ku Karere, Umurenge, Ubuyobozi bw'ishuri n'izindi nzego zifite aho zihuriye n'uburezi kugira ngo umusaruro wifuzwa ugerweho.

Gutoza abakiri bato binyuze mu itorero mu mashuri ni inzira idashidikanywa izafasha kubaka mu banyarwanda umuco wo kwigira, kwihesha agaciro, kwishakamo ibisubizo no kuba indashyikirwa mu bumenyi n'ikoranabuhanga byubakiye ku muco n'amateka by'u Rwanda.

**Dr MUTIMURA Eugène**
Minisitiri w'Uburezi

**BAMPORIKI Edouard**
Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y' Itorero

## AMAHAME Y'INTORE

1. **Intore ntiganya**; ishaka ibisubizo
2. **Intore ntiyoba**; no mu ishyamba ry'inzitane yishakira inzira
3. **Intoreniumurinziw'ibyagezweho**; nta cyabisenya ibona
4. **Intore si nanjye binyobere**; ni nkore neza bandebereho
5. **Intore ntigambanira indi**; kirazira gutatira igihango
6. **Intore ikemura ibibazo byayo itabyerekeje ku bandi**
7. **Intore ntivunda**; ntisahinda, ijabo ryayo riyiha ijambo